REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO Y'UMUCO

ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU MU KWIZIHIZA UMUNSI MUKURU W'UMUGANURA 2021

Minisiteri y'Urubyiruko n'Umuco ibinyujije mu Nteko y'Umuco iramenyesha Abanyarwanda baba mu Gihugu, ababa mu mahanga n 'inshuti z'u Rwanda ko muri uyu mwaka kwizihiza Umuganura bizaba ku wa Gatanu tariki ya 6 Kanama 2021 nk'uko biteganywa n'Iteka rya Perezida No 54/1 ryo ku wa 24/02/2017 rishyiraho iminsi y'ikiruhuko rusange, mu ngingo yaryo ya 3 (10^0) igaragaza ko Umunsi Mukuru w'Umuganura wizihizwa buri wa Gatanu wa mbere w'ukwezi kwa Kanama.

Muri uyu mwaka, insanganyamatsiko iragira iti: *"Umuganura, isôoko y'ubumwe n'ishingiro ryo kwigira".* Iyi nsanganyamatsiko ishingiye ku ndangagaciro z'umuco w'u Rwanda ari zo gukunda Igihugu, kurangwa n'ubupfura, gukunda umurimo n'ubumwe. Izi ndangagaciro zifasha kurema Umunyarwanda nyawe abakurambere bitaga *Umunyarwanda w'umutima.* Mu myumvire y'Abanyarwanda, umutima ni cyo gicumbi cy'indangagaciro. Bityo rero, umutima ukubiyemo ibyiza byose bibaranga, indangagaciro bagenderaho na kirazira bitwararika.

Indangagaciro yo gukunda umurimo itoza Umunyarwanda gukorera ku ntego no ku gihe, ariko kandi ikanamutoza no kwizigamira kugira ngo azabashe guhigika ibihe by'amage byamugwirira. Aho ni ho hagaragarira indangagaciro y'ubumwe no kurangwa n'ubupfura. Kwizihiza Umuganura uyu mwaka, ni umwanya mwiza wo kwifatanya n'isi yose mu guhangana n'icyorezo cya Koronavirusi kiyugarije, no kuzirikana abantu bose cyagize ingaruka zitandukanye.

Mu myemerere y'Abakurambere bacu, buri Munyarwanda avukira kubaka u Rwanda no kururinda, bigatuma mu Nzira y'Umuganura buri wese abona uko ahigira Igihugu icyo azakimarira. Umunsi mukuru w'Umuganura warangwaga n'ibintu bibiri by'ingenzi ari byo: kwishimira ibyagezweho no guhamya ingamba z'igihe kirekire.

Muri ibyo bihe kandi by'Umuganura, hashimwaga abakoze neza kurusha abandi, ndetse bakanabihemberwa (inka y'ubumanzi ku besheje imihigo mu buryo budashyikirwa) abandi na bo bagasuzuma impamvu yaba yaratumye badatera imbere uko babyifuzaga, bagafata ibyemezo bigamije kugera ku musaruro ushimishije umwaka ukurikiyeho. Muri make, kwizihiza Umuganura wari umwanya wo gusabana kw'abayobora n'abayoborwa, inshuti n'abavandimwe, uwejeje n'utarejeje, bikagaragaza ubufatanye n'ubumwe bw'abagize umuryango nyarwanda.

Umuganura wari umunsi mukuru ngarukamwaka wubahwaga kandi ugahabwa agaciro ibwami no mu muryango w'Abanyarwanda. Watangiye kwizihizwa mu Rwanda ku Ngoma ya Gihanga Ngomijana mu kinyejana cya 11, hanyuma uza kongera guhabwa imbaraga na Ruganzu II Ndoli (1510-1543) ubwo yabohoraga u Rwanda nyuma y'imyaka irenga cumi n'umwe (11) ruri mu maboko y'abanyamahanga (Abanyabungo) bari barakuyeho imihango yose ikomeye mu Rwanda.

Kwizihiza Umuganura, bishimangira urugendo Abanyarwanda barimo rwo kwigira hifashishwa umuco kugira ngo hashakwe ibisubizo bihamye by'ibibazo bahura na byo. Kwigira ni ukwishakamo ibisubizo mu bushobozi dufite dushingiye ku muco wacu urangwa n'ubuntu, ubufatanye, gutabarana no gusangira. Muri uko kwigira kandi ni ho Abanyarwanda basangira akabisi n'agahiye, ufite icyo arusha mugenzi we ntamucure, uwejeje akaganuza uwarumbije, uwahuye n'amage akagobokwa na mugenzi we.

Muri uyu mwaka, kubera ibihe turimo by'icyorezo cya Koronavirusi, Umuganura uzizihizwa mu buryo butandukanye n'ubusanzwe. Ibikorwa byo kuwizihiza bizibanda ku gukomeza guhangana n'ingaruka z'icyo cyorezo no kuganuza abo cyashegeshe. Ibiganiro bijyanye no kwizihiza Umuganura bizanyuzwa mu bitangazamakuru bitandukanye kandi bikurikiranywe mu miryango y'Abanyarwanda bari mu Gihugu no mu mahanga.

Mu guhangana n'ingaruka z'icyorezo cya Koronavirus, Abanyarwanda barakangurirwa gukomeza kugira umutima uzikana abandi cyane cyane abo iki cyorezo cyagizeho ingaruka ntibabashe kugira icyo basarura aho bari babibye. Umutima uzirikana abandi ntusaba kuba ufite byinshi kandi uduke ufite twaramira udafite na mba kuko *"ubusabusa buruta ubusa busa."*

Ibikorwa biteganyijwe mu kwizihiza Umuganura uyu mwaka bizahera ku itariki ya 1 Kanama 2021 kugeza mu mpera z'ukwezi kwa Kanama 2021 mu Rwanda no mu mahanga, ari byo ibi bikurikira:

- *Tariki ya 03 Kanama 2021:* Ikiganiro n'Abanyarwanda batuye mu mahanga kikazakorwa mu buryo bw'ikoranabuhanga "Webex". Iki kiganiro kizibanda ku nsanganyamatsiko yo kwizihiza Umuganura uyu mwaka.

- *Tariki ya 05 Kanama 2021:* Inama nyunguranabitekerezo ku Muganura no kwimakaza indangagaciro ziyikubiyemo. Iyi nama izagirwamo uruhare n'inzego n'inararibonye zinyuranye.

- *Tariki ya 06 Kanama 2021:* Ikiganiro *Dusangire Ijambo* kizatumirwamo Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko n'Umuco n'uri mu buyobozi bwa UNITY CLUB INTWARARUMURI. Icyo kiganiro kizibanda:
  - Gutanga ubutumwa bujyanye n'Umunsi w'Umuganura
  - Gutanga ubutumwa bwo gutangiza ibikorwa byo Kuganuza Abanyarwanda bagizweho inguruka na Koronavirusi kurusha abandi ku rwego rw'Isibo. Icyo gikorwa cyazabera hose mu Gihugu mu rwego rw'amasibo.
  - Kugaragaza uruhare rwa UNITY CLUB INTWARARUMURI mu kuganuza u Rwanda ubumwe n'ubwiyunge.
  - Kuganuza abahanzi ba muzika umusaruro wavuye mu bihangano byabo ku bufatanye bw'Inteko y'Umuco na RSAU (Rwanda Society of Authors).

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero na yo yateguye kuri uwo munsi igikorwa cy'Umuganura muri gahunda ya **E-itorero Indahanganwa**.

Ku rwego rw'umuryango, Umuganura uzizihizwa hubahirizwa ingamba zo kwirinda Koronavirusi, biyoborwe n'uhagarariye umuryango. Kwizihiza umuganura mu muryango bizakorwa n'abantu baba mu rugo rumwe atari uguhuza abanyamuryango bataba mu rugo.

- Komisiyo y'Igihugu y'Itorero na yo yateguye kuri uwo munsi igikorwa cy'Umuganura muri gahunda ya **E-itorero Indahanganwa**.

- Abanyarwanda baba mu mahanga kandi bazizihiza Umuganura 2021 aho batuye hubahirizwa ingamba ziri mu bihugu batuyemo. Igihe n'uburyo ibyo bizakorwamo bizagenwa n'amahuriro y'Abanyarwanda baba mu mahanga bafatanyije n'ubuyobozi bwa za Ambasade.

Minisiteri y'Urubyiruko n'Umuco ifatanyije n'Inteko y'Umuco barashishikariza Abanyarwanda bose abo mu Rwanda n'abo mu mahanga gutekereza ku byo bagezeho muri uyu mwaka urangiye ari nako bakangurira buri wese kubahiriza amabwiriza n'ingamba zashyizweho na Leta zo kwirinda icyorezo cya Koronavirusi.

Minisiteri y'Urubyiruko n'Umuco ibinyujije mu Nteko y'Umuco yifurije Abanyarwanda bose n'inshuti z'u Rwanda umunsi mwiza w'Umuganura 2021.

Bikorewe I Huye, ku wa 28 Nyakanga 2021.

Digitally signed
by RCHA
(Director General)
Date: 2021.07.28
12:07:55 +02'00'

Amb. MASOZERA Robert
Intebe y'Inteko y'Umuco.